## AMABWIRIZA AGENGA ICYAMUNARA

**ICYAMUNARA No.:** Nº 11.07.022/2034/17/AUCTION/TC-EUCL/MD/JCK/fs

**UBURYO BWO KUGURISHA (AUCTION METHOD):** Ipiganwa binyuze mu mabahasha afunze (Bidding through sealed envelopes).

Upiganwa asabwe gukurikiza ibi bikurikira:

- Inyandiko y'ipiganwa igomba guherekezwa na sheke izigamiwe ingana na 10% by'agaciro kose k'umutungo ikozwe mu izina rya Energy Utility Corporation Limited (Byose biri mu ibahasha ifunze);
- Upiganwa uzazana sheke itazigamiwe, ifite izindi nenge cg ikindi kitariyo azahita akurwa mu ipiganwa ntayandi mananiza (Inyandiko ye y'ipiganwa ntzahabwa agaciro);
- Uwatsindiye icyamunara asabwa kwishyura amafaranga yose (100%) bitarenze iminsi itanu (5) ibarwa uhereye ku munsi amenyesherejweho ko yatsinze; Iyo uwatsinze arengeje icyo gihe atakaza uburenganzira kuri uyu mutungo kandi ntasubizwa garanti yatanze;
- Abandi bitabiriye iri piganwa batabashije gutsinda basubizwa sheke (garanti) zabo nyuma y'uko uwatsinze yishyuye ikiguzi cyose kingana n'agaciro kose k'imodoka cg ipikipiki;
- Iherekanya mutungo rikorwa iyo uwatsinze amaze kwishyura ikiguzi cyose;
- Inyandiko imenyesha uwatsinze (Notification of award) niyo yemeza ihererekanya mutungo;
- Uwatsinze amenyeshwa compte yishyuraho amafaranga yose (100%) mu rwandiko rumumenyesha (Notification of award) ko yatsinze;
- Uguze asabwe guhita atwara umutungo akimara kwishyura ikiguzi cyose;
- Umutungo ugurwa uko uri kandi bifatwa ko ugura aba yabonye kandi azi neza imiterere yawo mbere yo kuwugura,
- EUCL ntacyo iryozwa ku mutungo nyuma y'igurishwa ryawo;
- Uwishyuye yose, utinze kujyana umutungo akarenza iminsi ibiri (2 days), acibwa igihano cy'ubukerererwe kingana 1.5% by'ikiguzi cyose kuri buri munsi w'ubukererwe. Uko byagenda kose icyo gihano ntikigomba kurenga 50% by'ikiguzi cy'uwo mutungo.
- Iyo ibyo bihano birenze 50% by'ikiguzi, uwaguze afatwa nk'uwananiwe, agatakaza uburenganzira kuri uwo mutungo ndetse no ku mafaranga yose yishyuye bityo uwo mutungo ukagurishwa bundi bushya;

- Ku bindi bitavuzwe muri aya mabwiriza hazakurikizwa ibikubiye mu itegeko Nº 50/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena uburyo Leta yivanaho umutungo wayo bwite ndetse n'iteka rya Ministri rigena imiterere n' imikorere y'utunama dushinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta ugurishwa; uguranwa; utangirwa ubuntu cg uvanwaho;

**Bikorewe I Kigali kuwa 02nd /10/2017**

**Eric BUGINGO**
**Umuyobozi ushinzwe itangwa ry'amasoko**

**Maj. Eng. Jean Claude KALISA**
**Umuyobozi mukuru**